0212900004

République du Rwanda
Ministère de la Jeunesse et de la Culture

Reçu CLT/LHE
Le 31 MARS 2023
N° 0218

**EXTRAIT DE L'INVENTAIRE NATIONAL DU PATRIMOINE CULTUREL IMMATERIEL DU RWANDA**

***Traduction de l'inventaire national élaboré en langue national Ikinyarwanda***

**CERTIFICAT D'INVENTAIRE N⁰ RW/C/2023/32**

**Elément inscrit : Intore**
**N° de référence : 1**

## Domaine

Intore se trouve dans le domaine des arts du spectacle ; conformément aux catégories définies par la convention de 2003 pour la sauvegarde du patrimoine culturel immatériel signée à Paris, en France le 17 octobre 2003. Le Rwanda est Etat Partie à cette convention tel que stipulé dans l'Arrêté Présidentiel N°53/01 du 02/11/2012 portant ratification de la convention pour la sauvegarde du patrimoine culturel immatériel signée à Paris, en France le 17 octobre 2003.

Faisant référence à la Loi N° 28/2016 du 22/7/2016 portant préservation du patrimoine culturel et du savoir traditionnel, particulièrement à l'article 19 qui prévoit les critères pour l'élaboration de l'inventaire national du patrimoine culturel immatériel ; Intore est une danse rwandaise transmise des générations en générations au sein de la communauté rwandaise de partout et à travers les âges.

## Description de l'élément

Intore est une expression de la victoire et la démonstration de la puissance, la beauté de la parade et l'élégance des véritables élites. Intore est, à ses origines, conçue et développée dans la cour royale et bénéficie d'une émulation chez les notables d'alors et dans diverses couches de la société.

Les Intore étaient sélectionnés par leurs chefs pour être formés dans une institution traditionnelle appelée *Itorero* où ils apprenaient les valeurs culturelles, la bonne gouvernance, l'art oratoire, les jeux traditionnels et d'autres catégories d'arts du spectacle. Intore est un art chorégraphique et une expression artistique rwandaise qui incarne cette philosophie élitiste.

Comme art de spectacle, la danse Intore est codifiée avec un rythme lent et saccadé, où il faut jauger les mouvements de l'adversaire invisible. Comme danseurs, Intore bondissent avec élégance maniant leurs lances et boucliers avec souplesse. Les corps se tordent et ondulent au rythme exact de tambour battant *Ingoma* et de trompes retentissantes *Amakondera*. Chaque mouvement est

exécuté avec une précision magistrale en synchronisation parfaite avec les autres danseurs. Mimant la bataille, ils esquivent et ripostent, soutenus par les chants de victoire et poèmes, *Ibyivugo*, exaltant force et exploits, s'inclinent pour saluer leur public qui acclame haut et fort.

Intore est une danse rwandaise exécutée par une troupe du même nom, Intore. Les danseurs Intore exécutent des pantomimes dites *Imihamirizo* organisées sur plusieurs lignes imitant les rangs des anciens guerriers sur le champ de bataille. Les pantomimes d'Intore sont issues des anciennes parades militaires qui datent de longtemps au Rwanda car certains chercheurs pensent que les unités militaires royales auraient commencé au 12ème siècle. Les méthodes de prestation ont changé ; mais la danse Intore actuelle s'est établie au XXe siècle sous le règne du Roi Yuhi V Musinga.

Dans l'histoire du Rwanda, Intore a une grande valeur et est l'une des figures emblématiques de la culture rwandaise. C'est dans ce cadre qu'il y a des billets de banque émis pendant et après la période coloniale avec l'effigie d'Intore. Les dix billets de dix francs portant l'image d'Intore ont été émis par la Banque du Congo-Belgique et du Ruanda-Urundi en dates du 10/12/1941, 10/07/1942, 10/02/1943, 10/06/1944, 11/11/1948, 15/08/1949, 14/03/1952, 12/05/1952, 15/07/1952, 31/08/1952. Tandis que les trois billets de mille francs portant l'effigie d'Intore ont été émis par la Banque Nationale du Rwanda en dates du 1/01/1988 et 1/02/2019 ainsi que le billet de cinq mille francs, en date du 1/12/1998.

**Types de pantomimes d'Intore**

Certains noms des pantomimes *Imihamirizo* sont tirés des noms d'anciens troupeaux de bétails et des noms des rythmes des tambours cérémoniaux. Il existe différents types de pantomimes parmi lesquels soixante-deux (62) suivants ont été identifiés :

1) *Ibihogo*
2) *Igitego*
3) *Ihembe*
4) *Ikinani*
5) *Ikirushya*
6) *Ikotaniro*
7) *Imanzi*
8) *Impakanamakenga*
9) *Inganji y'impanikabahizi*
10) *Imparirwashema*
11) *Impinyuza*
12) *Incamihigo*
13) *Incogozabahizi*
14) *Urukundo rw'Indamutso*
15) *Indangamagaju*
16) *Indangamyambi*
17) *Indanguza*
18) *Indatirwabahizi*
19) *Indashyikirwa*
20) *Indateba*
21) *Indege*
22) *Indekwe*

23) *Ngendo y'inka*
24) *Ingeri*
25) *Ingeruzabahizi*
26) *Ingombamugisha*
27) *Ingorabahizi*
28) *Ingirakamaro*
29) *Inkikabahizi*
30) *Inkumburwa*
31) *Inkusi*
32) *Inshongore*
33) *Inshozamihigo*
34) *Intangamuganzanyo*
35) *Intayoberana*
36) *Inyambo*
37) *Inyubahiro*
38) *Inziramakemwa*
39) *Itanganika*
40) *Ndebunyurwe*
41) *Nyirangwe*
42) *Ntagishyika*
43) *Ruhame*
44) *Rwahama*
45) *Umugege*
46) *Umurego*
47) *Umurimba*
48) *Umusambi*
49) *Umutahano*
50) *Umwebeya*
51) *Urubunda*
52) *Urucankamba*
53) *Urukatsa*
54) *Urukerereza*
55) *Urukundo rw'imiheto*
56) *Urukundo rw'uruzagiriza*
57) *Ururibagiza*
58) *Urusamaza*
59) *Urutishingwa*
60) *Urwabahizi*
61) *Urwanamiza*
62) *Urwunguko*

Les poèmes auto-panégyriques qui étaient composés et interprétés par les guerriers au cours de la période monarchique en se félicitant pour leur propre courage et leurs actes sur le champ de bataille, récités par les danseurs Intore pendant les spectacles, contribuent à l'enrichissement de la littérature rwandaise et de la langue maternelle, Ikinyarwanda, qui est en même temps une langue nationale et l'une des trois langues officielles du Rwanda.


**Tenue d'Intore**

Le danseur Intore porte une crinière sur la tête, *Umugara* ; une étoffe nouée autour du cou, *Inkomo* ; des ornements de poitrine de différentes couleurs, *Ibitako* ; et une ceinture en peau de cerf ou d'animal sauvage sur la taille, *Inkindi*. Lors de la prestation artistique, Intore porte des hochets de cheville et des grelots *Amayugi*. Il tient une lance *Icumu* dans la main droite et un bouclier *Ingabo* dans la main gauche.

La crinière d'Intore symbolise celle d'un lion, signifiant la victoire des guerriers. Bien que le lion ne soit pas le plus gros animal de la forêt, ni l'animal le plus puissant ; il demeure le roi de la forêt. Dans de nombreux mythes et fables, le lion apparaît comme un animal invincible et honoré.

L'*Inkindi*, très agréable aux yeux des spectateurs, signifie la grande valeur et la force d'Intore.

Les grelots d'Intore, *Amayugi*, jouent un rythme accompagné de tambours et d'harmonie qui plaisent aux oreilles lors du spectacle. Ces grelots permettent aux Intore de démontrer comment les habiles à l'art de guerre pouvaient effrayer l'ennemi qui était poussé même à s'enfuir avant le début de la bataille.




***Intore dans sa tenue (illustration de Mutangana Boshya Steven, Kigali, 2021)***

**Prestations d'Intore**

La danse Intore est incontournable lors des festivités socio-culturelles et familiales, pendant les fêtes nationales ou de l'accueil des hôtes de marque. Intore joue un rôle important dans l'économie du pays ainsi que dans la diplomatie culturelle. Depuis l'époque coloniale, les Intore sont invités à l'étranger pour la prestation dans des événements internationaux. A titre d'exemple, en 1958, le Rwanda a participé à l'Exposition Universelle de Bruxelles où la prestation des Intore du Rwanda, conduits par le Roi Mutara III Rudahigwa, a émerveillé le monde. Ils ont également participé à l'Exposition internationale organisée à Montréal, Canada en 1967.

Depuis 1998, l'Organisation de l'Unité Africaine (OUA, actuelle Union Africaine, UA) a confié le Rwanda l'organisation du festival panafricain de la danse (FESPAD) qui se déroule chaque deux ans à Kigali et dans les villes secondaires du Pays des mille collines. Ce festival constitue une plateforme importante pour tous les pays africains et sa diaspora pour manifester leurs danses traditionnelles. Lors de ce festival, la danse Intore est au premier plan.

La danse Intore fait partie des produits du tourisme culturel et il existe de nombreuses troupes de danse professionnelles au niveau des écoles et des entités administratives locales.

Depuis des temps immémoriaux jusqu'aujourd'hui, les troupes de danse Intore ont joué un rôle dans la convivialité et le dialogue au sein de la communauté rwandaise, entre les jeunes et les vieux, ceux des milieux urbains comme ceux des milieux ruraux. La danse Intore a fortement contribué à la reconstruction du tissu social déchiré par le génocide perpétré contre les Tutsi en 1994. Le regroupement des praticiens en associations de danseurs, l'organisation des festivals et manifestations culturelles à tous les niveaux ont joué un rôle important dans la cohésion sociale des Rwandais.

Les Rwandais et les étrangers admirent la danse Intore. A plusieurs reprises, le Ballet National du Rwanda, Urukerereza, qui compte un bon nombre des danseurs Intore, a remporté des trophées au niveau international. C'est par exemple :

- ✓ Le 1er trophée remporté en 1995 lors du festival de Majorque en Espagne ;
- ✓ Le 1er trophée remporté en 1996 lors du festival de Maataf en Israël ;
- ✓ La 1ère distinction au Festival panafricain de la musique de Brazzaville remporté en 1996 ;
- ✓ La 1ère distinction au Festival de Maataf en Israël en 1997 ;
- ✓ Le 1er prix au Festival de Majorque en Espagne en 2005 ;
- ✓ Le 1er trophée mondial Temple d'Or remporté en 2006 au Festival d'Agrigento en Italie.

**Valeurs culturelles liées à l'élément**

Le concept Intore est étroitement lié à la philosophie rwandaise de l'élitisme et aux valeurs culturelles humaines. Après le Génocide perpétré contre les Tutsi, afin de trouver des solutions aux difficultés auxquelles le Rwanda faisait face, ceux qui passent par l'*Itorero* ont le dicton selon lequel *« Intore ne se lamente pas, il cherche des solutions. Même au milieu d'une forêt impénétrable, il trouve son chemin. »*

Les pantomimes des Intore démontrent l'harmonie et le discipline sur les rangs. Ces valeurs se reflètent dans la vie quotidienne au sein de la communauté rwandaise. Les Rwandais travaillent généralement ensemble pour développer et construire leur pays dans l'unité et la synergie.

Lors de la danse, Intore lève les mains comme s'il avait faim. Le geste symbolise que les valeurs d'Intore demeurent supérieures à son ventre. Dans la vie quotidienne, cela signifie que l'Intore doit

surmonter les mauvaises habitudes qui lui sont dictées par le ventre (infidélité, corruption, vol, trahison, etc.). Le concept Intore signifie aussi intégrité.

Lorsqu'il danse, tout Intore regarde vers l'avenir ; cela signifie que tout Rwandais devrait toujours avoir une vision, s'occuper de ce qui est important pour lui, pour la famille et pour le pays dans son ensemble, au lieu de regarder vers le bas ou de se soucier des futilités.




***L'effigie d'Intore sur le billet bancaire de 10 francs émis le 10/12/1941***




*L'effigie d'Intore sur le billet bancaire de 10 francs émis le 10/07/1942*




*L'effigie d'Intore sur le billet bancaire de 10 francs émis le 10/02/1943*




*L'effigie d'Intore sur le billet bancaire de 10 francs émis le 10/06/1944*





*L'effigie d'Intore sur le billet bancaire de 10 francs émis le 11/11/1948*




*L'effigie d'Intore sur le billet bancaire de 10 francs émis le 15/08/1949*




*L'effigie d'Intore sur le billet bancaire de 10 francs émis le 14/03/1952*




***L'effigie d'Intore sur le billet bancaire de 10 francs émis le 12/05/1952***




***L'effigie d'Intore sur le billet bancaire de 10 francs émis le 15/07/1952***




*L'effigie d'Intore sur le billet bancaire de 10 francs émis le 31/08/1952*




*L'effigie d'Intore sur le billet bancaire de 10 francs émis le 1/01/1988*




*L'effigie d'Intore sur le billet bancaire de 5000 francs émis le 01/12/1998*




*L'effigie d'Intore sur le billet bancaire de 1000 francs émis le 01/02/2019*



***Les danseurs Intore du Ballet National du Rwanda, Urukerereza, lors du festival de la Francophonie, Tunisie, 2022 (Photo, OTP)***

**Fait à Kigali, le 31 Mars 2023**

MINUBUMWE(MINISTER)
2023.03.31 16:20:49
+02'00'

**Dr BIZIMANA Jean Damascène**
**Ministre de l'Unité Nationale et Engagement Civique**

# REPUBLIC OF RWANDA

| RDB RWANDA DEVELOPMENT BOARD | OFFICE OF THE REGISTRAR GENERAL | |
|---|---|---|

**THE INTELLECTUAL PROPERTY LAW N° 31/2009 of 26/10/2009**

Reference is made to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015 especially in article 47.

Reference is made to the **Law N° 28/2016 of 22/7/2016 on the preservation of cultural heritage and traditional knowledge**, especially in article 2 para 6, article 18 and article 19.

| | |
|---|---|
| 1. COPYRIGHT NUMBER | **RW/C/2023/32** |
| 2. GROUP | Perfoming arts derived from Cultural Heritage of Rwanda |
| 3. SUB GROUP | NATIONAL INVENTORY OF INTANGIBLE CULTURAL HERITAGE OF RWANDA |
| 4. TITLE OF WORK | INTORE |
| 5. NAME AND ADDRESS OF OWNER | MINISTRY OF YOUTH AND CULTURE<br>P.O BOX:6369 KIGALI, Rwanda |
| 6. NAME AND ADDRESS OF REPRESENTATIVE | Hon. Rosemary Mbabazi<br>Kigali |
| 7. SHORT DESCRIPTION OF WORK | *Intore* is a Rwandan dance performed by a troupe of the same name, Intore. Intore dancers perform *Imihamirizo* pantomimes organized in several lines imitating the ranks of ancient warriors on the battlefield. As a performing art, the Intore dance is codified with a slow and jerky rhythm, where you have to gauge the movements of the invisible adversary. As dancers, Intore leap gracefully wielding their spears and shields with agility. Bodies twist and undulate to the exact rhythm of beating *Ingoma* drums and resounding *Amakondera* horns. Each movement is executed with masterful precision in perfect synchronization with the other dancers. |
| 8. FILING DATE | 13/03/2023 |

Dated this **15th day of March, 2023**

The Office of Registrar General certify that "Intore" inventoried by the Ministry having culture in his attributions is protected and declared by the State as a National Intangible Cultural Heritage.

*KAYIBANDA Richard*

*Registrar General*

## N⁰ 1. INTORE

**Icyiciro umurage urimo:**

Intore ni ikimenyetso cy'umurage ndangamuco udafatika w'Abanyarwanda ubarizwa mu **myiyereko gakondo** *(performing arts)* hakurikijwe ibyiciro bigenwa n'Amasezerano Mpuzamahaga ya UNESCO y'i Paris mu Bufaransa yo ku wa 17 Ukwakira 2003 yo kubungabunga umurage ndangamuco udafatika. U Rwanda rwemeje burundu aya masezerano mu Iteka rya Perezida No 53/01 ryo ku wa 02/11/2012 ryemeza burundu amasezerano yo kubungabunga umurage ndangamuco udafatika yashyiriweho umukono i Paris mu Bufaransa kuwa 17 Ukwakira 2003, ruyashyiraho umukono ku itariki ya 21 Mutarama 2013.

Hashingiwe ku Itegeko N⁰ 28/2016 ryo ku wa 22/7/2016 rigena ibungabungwa ry'umurage ndangamuco n'ubumenyi gakondo, by'umwihariko mu ngingo ya 19 igena ibishingirwaho mu kwandika umurage ndangamuco udafatika, Intore ni umurage ndangamuco udafatika ugaragazwa n'umwimerere n'ubuhanga buhanitse bw'imibyinire gakondo byahererekanyijwe uko ibisekuru byagiye bisimburana. Uyu murage ukeneye kurengerwa by'umwihariko kugira ngo utazimira dore ko muri iki gihe hari imwe mu mihamirizo yahozeho yatangiye kuzimira. Mu myiyereko gakondo, Intore ni umwihariko w'Abanyarwanda ukundwa kuva kera haba mu Rwanda no mu mahanga.

**Incamake y'amateka y'umurage w'intore:**

Ijambo *"Intore"* rituruka ku nshinga gutora. Uwatowe akitwa Intore. Intore ikarangwa n'ubutore. Iyo myumvire n'imigirire ikaba mu buzima bwa buri munsi bw'Umunyarwanda. Cyera u Rwanda rwagiraga uko *Intore* zitoranywa, zigatorezwa mu *Itorero* ry'ibwami cyangwa ibutware. Mu Itorero, Intore zatozwaga amateka y'Igihugu, umuco, indangagaciro z'umuco w'u Rwanda, imiyoborere myiza, imvugo nziza, gukunda no kurinda Igihugu. Intore zigaga uburyo bwo kurwana nko kurasa intego no gutera amacumu.

Nyuma yo gutozwa, abatojwe bajyaga mu mirimo n'imyuga itandukanye mu buzima bwa buri munsi. Ubutore Abanyarwanda babaga baratojwe bwabaheshaga guhora baharanira kuba indashyikirwa mu byo bakora byose. Kuba umuntu yaraciye mu Itorero, byamuhaga imyumvire n'imigirire iboneye, bigatuma yirinda ko ejo n'ejobundi hazagira umubonaho imyitwarire idahwitse. Akirinda guhemuka no kugira nabi mu buryo ubwo ari bwo bwose.

Mu myiyereko gakondo, Intore ni ababyinnyi biyereka mu mbyino gakondo z'imihamirizo. *"Umuhamirizo"* ryo ni ijambo riva ku nshinga *"guhamiriza"* isobanura kwiyereka kw'intore zihuza intambwe kandi zikunda mu mubyimba (IRST & MRAC 2005). Mu Itorero, nimugoroba habaga igitaramo Intore zikiga kwivuga no guhamiriza, kuganira no gutarama.

Imihamirizo y'intore ikomoka ku myiyereko y'ingabo (Kanimba & Van Pee 2008:236). Ibi bigaragaza ko imihamirizo yatangiye kera mu Rwanda kuko imitwe y'ingabo bamwe mu bashakashatsi bemeza ko yatangiye mu kinyejana cya 12 (Kagame 1960:9). Uburyo bwo guhamiriza bwagiye buhinduka; ariko uko intore ziseruka ubu byahamye mu kinyejana cya 20 ku ngoma ya Yuhi V Musinga (Kanimba & Van Pee 2008:236).

Mu mateka y'Abanyarwanda, intore zifite agaciro gakomeye ndetse ni kimwe mu birango by'umuco nyarwanda. Ibi bigaragazwa n'uburyo ishusho y'Intore z'u Rwanda yagiye ikoreshwa ku noti z'amafaranga haba mu gihe cy'ubukoroni na nyuma yaho. Inoti zashyizweho iyo shusho ni iy'icumi (10) yasohowe na Banki ya Congo-Belge ku wa 10/12/1941,

RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) REGISTRAR

10/07/1942, 10/02/1943, 10/06/1944, 11/11/1948, 15/08/1949, 14/03/1952, 12/05/1952, 15/07/1952, 31/08/1952, inoti y'amafaranga igihumbi (1,000) yasohowe na Banki Nkuru y'Igihugu (BNR) ku wa 1/01/1988 no ku wa 1/02/2019; ndetse no ku noti y'ibihumbi bitanu (5,000) yo ku wa 1/12/1998.

**Amoko y'imihamirizo**

Amwe mu mazina y'imihamirizo yitiriwe amashyo y'inka n'imirishyo y'ingoma. Hari ubwoko butandukanye bw'imihamirizo; imaze kumenyekana ni mirongo itandatu n'ibiri (62) ikurikira:

1) *Ibihogo*
2) *Igitego*
3) *Ihembe*
4) *Ikinani*
5) *Ikirushya*
6) *Ikotaniro*
7) *Imanzi*
8) *Impakanamakenga*
9) *Inganji y'impanikabahizi*
10) *Imparirwashema*
11) *Impinyuza*
12) *Incamihigo*
13) *Incogozabahizi*
14) *Urukundo rw'Indamutso*
15) *Indangamagaju*
16) *Indangamyambi*
17) *Indanguza*
18) *Indatirwabahizi*
19) *Indashyikirwa*
20) *Indateba*
21) *Indege*
22) *Indekwe*
23) *Ngendo y'inka*
24) *Ingeri*
25) *Ingeruzabahizi*
26) *Ingombamugisha*
27) *Ingorabahizi*
28) *Ingirakamaro*
29) *Inkikabahizi*
30) *Inkumburwa*
31) *Inkusi*
32) *Inshongore*
33) *Inshozamihigo*
34) *Intangamuganzanyo*
35) *Intayoberana*
36) *Inyambo*
37) *Inyubahiro*
38) *Inziramakemwa*

39) *Itanganika*
40) *Ndebunyurwe*
41) *Nyirangwe*
42) *Ntagishyika*
43) *Ruhame*
44) *Rwahama*
45) *Umugege*
46) *Umurego*
47) *Umurimba*
48) *Umusambi*
49) *Umutahano*
50) *Umwebeya*
51) *Urubunda*
52) *Urucankamba*
53) *Urukatsa*
54) *Urukerereza*
55) *Urukundo rw'imiheto*
56) *Urukundo rw'uruzagiriza*
57) *Ururibagiza*
58) *Urusamaza*
59) *Urutishingwa*
60) *Urwabahizi*
61) *Urwanamiza*
62) *Urwunguko*

Imihamirizo yose iterurwa kandi igasozwa n'umutahano uherekejwe n'ingoma n'amakondera (Kanimba & Van Pee 2008:236). Intore ziserukana ibyivugo bigira uruhare mu gukungahaza ubuvanganzo nyarwanda n'ururimi rw'Ikinyarwanda.

**Umwambaro w'intore**

Intore ihamiriza itamirije umugara uboshye mu migwegwe, inigirije inkomo mu ijosi, yambaye ibitako mu gituza bifite amabara anyuranye, kandi ikindikije inkindi ikoze mu ruhu rw'impongo cyangwa urw'inyamaswa y'ijanja. Ku maguru, intore ikobera amayugi. Yitwaza *Icumu* mu kuboko kw'iburyo n'ukw'ibumoso (Kanimba & Van Pee 2008:236). Ubu ariko Intore ihamiriza ifashe *Icumu* mu kuboko kw'iburyo n'*Ingabo* mu kuboko kw'ibumoso. Bisobanura ko ingabo yajyaga ku rugamba ifite intwaro zihagije. Amaboko yombi yikwije.


*Umugara* w'Intore ushushe nk'umugara w'intare, usobanura ububasha bwo gutsinda ku rugamba. Nubwo intare atari yo nyamaswa nini cyane mu ishyamba, ntinabe ari yo ifite imbaraga nyinshi kurusha izindi nyamaswa; niyo ifite igitinyiro, ikitwa umwami w'ishyamba. Mu migani myinshi n'ubuvanganzo, intare igaragara nk'inyamaswa idatsindwa, idatsimburwa, yubahwa. Umugara ijyana n'umutako w'amasaro ubereye ijisho ugizwe n'*Ibikubwe* mu ruhanga, *Inkomo* mu ijosi ndetse n'*Ibihagatiro* cyangwa *Ibitako* mu gituza. Byose bijyanye n'igisobanuro cy'umugara.

*Guca umugara*, intore yitakuma cyangwa itembe, isimbuka itabusanya n'indi, bishushanya uko ingabo ku rugamba yashoboraga kuzibukira imyambi y'umubisha bahanganye kandi igakomeza kwema, urugamba rugakomeza, ikaruvaho itsinze.

RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) REGISTRA

*Inkindi* yambarwa hejuru y'umukenyero isobanura agaciro gahanitse no kwema kw'ingabo ku rugamba. Inkindi iba isa neza cyane ibereye ijisho.

*Amayugi* y'Intore yumvikanisha injyana idasigana n'ingoma ndetse n'ikondera biryoheye amatwi mu miserukire y'Intore. Asobanura uko ingabo zagiraga umurindi utera ubwoba umubisha akaba yarashoboraga no guhunga urugamba rutaratangira. Umurindi w'ingabo wahamyaga igitinyiro cyazo, ntihagire uzisukira.




***Umwambaro w'Intore ihamiriza (Igishushanyo cyahanzwe na Mutangana Boshya Steven, 2021)***

### Aho intore ziseruka

Kuva kera intore ziseruka mu birori bikomeye, haba mu nzego z'ubutegetsi bw'Igihugu ndetse no mu miryango. Mu nzego z'ubutegetsi, hambere zaserukaga mu birori by'ibwami n'ibutware. Muri iki gihe ziseruka mu birori byateguwe n'inzego za Leta haba imbere mu gihugu no mu mahanga.

Intore zifite uruhare rukomeye mu guteza imbere umuco n'ubukungu by'Igihugu. Kuva mu gihe cy'ubukoroni zitumirwa kwizihiza ibirori biri ku rwego mpuzamahanga. Muri Mata 1958, zaherekeje Umwami w'u Rwanda Mutara III Rudahigwa mu Imurika Mpuzamahanga

ryabereye i Buruseli mu Bubiligi (Exposition Universelle de Bruxelles) zimurikira amahanga ubukungahare bw'umurage ndangamuco w'u Rwanda. Zitabiriye kandi Imurika Mpuzamahanga ryabereye i Montréal muri Canada mu 1967. Muri iki gihe, Intore zikomeje guserukira u Rwanda mu maserukiramuco mpuzamahanga atandukanye, bigatuma isura y'u Rwanda mu kubungabunga no guteza imbere umuco igaragara kurushaho. Ibi biri mu byatumye Umuryango w'Ubumwe bwa Afurika *(African Union)* guhera mu 1998 uha u Rwanda inshingano zo kwakira Iserukiramuco Nyafurika ry'Imbyino *(FESPAD, Festival Panafricain de la Danse)*.

Umwihariko w'intore uri mu biteza imbere ubukerarugendo bushingiye ku muco ndetse hari amatorero menshi yabigize umwuga. Ayo matorero abyinira ba mukerarugendo basura u Rwanda ndetse akanifashishwa mu gususurutsa abantu mu birori bitandukanye, akabihemberwa.

Kuva kera, imihamirizo y'Intore igira uruhare mu busabane bw'Abanyarwanda hagati y'abato n'abakuru, abo mu mijyi n'abo mu byaro. Nka nyuma y'imvururu zo muri 1959, impunzi z'Abanyarwanda zari hanze yarwo zakomeje kugira ubumwe no gukunda umuco w'u Rwanda kubera amatorero y'imbyino bahuriragamo. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, amatorero y'intore yagize uruhare mu kugarura ubumwe bw'Abanyarwanda no kugaragaza ishusho nziza y'u Rwanda mu mahanga.

Imiserukire y'Intore hamwe n'izindi myino za kinyarwanda zahesheje ishema u Rwanda hirya no hino ku Isi mu maserukiramuco mpuzamahanga y'imbyino, aho Itorero Ndangamuco ry'Igihugu, Urukerereza, ryazaniye u Rwanda amashimwe n'ibihembo byo ku mwanya wa mbere. Ingero:

- ✓ Igihembo cya mbere, muri 1995, mu iserukiramuco rya Majorque muri Espagne;
- ✓ Igihembo cya mbere, muri 1996, mu iserukiramuco rya Maataf muri Israël;
- ✓ Igihembo cya mbere, muri 1996, mu iserukiramuco rya Bwazzaville muri Congo;
- ✓ Igihembo cya mbere, muri 1997, mu iserukiramuco rya Maataf muri Israël;
- ✓ Igihembo cya mbere, muri 2005, mu iserukiramuco rya Majorque muri Espagne;
- ✓ Igihembo cya mbere cyo ku rwego rw'Isi *(trophée mondial Temple d'Or)*, muri 2006, mu iserukiramuco rya Agrigento mu Butaliyani.

**Indangagaciro ziri mu muco nyarwanda zigaragara mu murage w'intore**

Imiserukire y'Intore zihamiriza ifitanye isanó n'intekerezo zikubiye mu muco w'ubutore Intore zatozwaga kuva cyera, iganisha ku gutsinda.

Hari imvugo y'Ikinyarwanda igira iti: *"Aho wambariye inkindi ntuhambarira ubucocero"*. Iyi mvugo ikoreshwa bagaragaza ko ntawe ukwiye kwitesha agaciro aho yari agafite. Inkindi wari umwambaro w'intore zambaraga mu myiyereko cyangwa ku rugamba, ugahuzwa n'ubutwari, icyubahiro, n'agaciro by'uwambaye. Ibi bigaragazwa kandi n'amwe mu mazina y'Abanyarwanda nka Nyamuberwaninkindi, Munyankindi, Nyirinkindi, Kankindi...

Hari indi mvugo igira iti: *"nta ntore yarwaye intongi"*. Intongi ni ikibyimba gifata ku gatsinsino cyangwa mu bworo bw'ikirenge. Iyi mvugo ikoreshwa bagaragaza ko inenge iyo ariyo yose igaragaye ku muntu ituma atakaza icyubahiro yari afite.

Nyuma ya jenoside yakorewe Abatutsi, mu rwego rwo gushaka ibisubizo by'ingutu u Rwanda rwahuye nabyo, abanyura mu Itorero bafite imvugo igira iti: *"Intore ntiganya, ishaka ibisubizo. No mu ishyamaba ry'inzitane, yishakira inzira."*

Uko intore ziseruka mu mihamirizo, bigaragaza kudasobanya. Haba hari *Intore yo ku mukondo* uri ku murongo w'imbere abandi bareberaho. Byakwigirwaho mu buzima busanzwe uko n'ubusanzwe Abanyarwanda bashyira hamwe mu kwiteza imbere no kubaka Igihugu mu bumwe no kugendera ku cyerekezo cyiza ubuyobozi butanze. Ingamba nke mu mihamirizo y'intore ni ebyiri. Umurongo w'imbere witwa *Urugamba.* Umurongo ukurikiyeho ni *Urugereko.* Abari ku mpande zombi iburyo n'ibumoso bitwa *Intore zo ku mpembe.* Abo hagati ni *Ibikokora.*

Intore kandi iyo iserutse, izamura amaboko, isa n'iyishonjesheje. Bishushanya ko Intore isumba cyangwa iruta iby'inda n'ibyo munsi y'inda. Mu buzima busanzwe bishatse kuvuga ko Umunyarwanda w'Intore aba akwiye kurenga iby'imigirire mibi ategekwa n'inda (indonke, ruswa, ubujura, ubusambo, ubugambanyi, n'ibindi), kugira ngo hato atazaba uwo bavuga ngo "kanaka agira inda nini." Intore iba igomba kurangwa no kutanduranya, ikagira ikinyabupfura. Bishushanya ubuzima bwa buri munsi.

Uko Intore ihamiriza ireba imbere, bisobanura ko Umunyarwanda aba akwiye guhorana icyerekezo, akareba ibimufitiye akamaro mu gihe kirambye n'ibiteza imbere umuryango n'Igihugu muri rusange, aho kureba hasi cyangwa kwita ku bicirirtse.

Iyo intore zihamiriza, zigera aho zigakora ibyitwa *"kugwa mu nka".* Cyera imvugo y'ubuvanganzo bwa kinyarwanda yabagamo amagambo agenda agaruka kenshi yerekeye inka, urugamba n'ibindi. *"Kugwa mu nka"* bisobanura gusoza umuhamirizo. Ku byerekeye urugamba rw'ingabo bishushanya igihe ingabo zisoje urugamba, zitsinze umubisha, zikagabanya umurindi zari zifite, zigafata akaruhuko.




***Ishusho y'Intore zihamiriza yashyizwe ku noti y'amafaranga 10 ku itariki 10/12/1941***




*Ishusho y'Intore ku noti y'amafaranga 10 yashyizweho ku itariki 10/07/1942*




*Ishusho y'Intore ku noti y'amafaranga 10 yashyizweho ku itariki 10/02/1943*

RWANDA DEVELOPMENT BOARD




*Ishusho y'Intore ku noti y'amafaranga 10 yashyizweho ku itariki 10/06/1944*




*Ishusho y'Intore ku noti y'amafaranga 10 yashyizweho ku itariki 11/11/1948*

RWANDA DEVELOPMENT BOARD RDB REGISTRAR GENERAL




*Ishusho y'Intore ku noti y'amafaranga 10 yashyizweho ku itariki 15/08/1949*




*Ishusho y'Intore ku noti y'amafaranga 10 yashyizweho ku itariki 14/03/1952*




*Ishusho y'Intore ku noti y'amafaranga 10 yashyizweho ku itariki 12/05/1952*




*Ishusho y'Intore ku noti y'amafaranga 10 yashyizweho ku itariki 15/07/1952*

RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) REGISTRAR GENERAL




*Ishusho y'Intore ku noti y'amafaranga 10 yashyizweho ku itariki 31/08/1952*




*Ishusho y'Intore ku noti y'amafaranga y'u Rwanda 1000 yashyizweho ku itariki 1/01/1988*




*Ishusho y'Intore ku noti y'amafaranga y'u Rwanda 5000 yashyizweho ku itariki 01/12/1998*




*Ishusho y'Intore ku noti y'amafaranga y'u Rwanda 1000 yashyizweho ku itariki 01/02/2019*



***Intore z'Itorero Ndangamuco ry'u Rwanda Urukerereza zihamiriza mu iserukiramuco rya Francophonie, Tunisia, 2022 (Photo, OTP)***